RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

Bimensuel
Indépendant

N° 028

25 Août 1993

100 Frw



B.P. 1036
Tél.: 7 2469



C.R.R.C.
B.P. 1319 - Kigali
RWANDA
DE RECHERCHE


**Urubanza rwa Twagiramungu, umwami w'abanyoni n'abatutsi bajojoba irondagahutu ruzaba ku ya 31 Kanama 1993 mu rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali.**

**Padiri Sibomana mu mazi abira.**



# MDR KIGALI NGARI: Kongere idasanzwe ku gasongero k'umuturirwa wa KARAMIRA yirukanye abatekamutwe GASANA Anasitazi n'UBALIJORO mu ishyaka ry'impirimbanyi.

Ku cyumweru tariki ya 15 Kanama 1993 nibwo kongere ya Kigali ngari yagombga guteranira mu Kigo Iwacu i Kabusunzu kugira ngo ishimangire ibyemezo bya Kongere y'Igihugu idasanzwe ya MDR yabaye ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993, muri byo hakaba harimo gusezerera mu ishyaka MDR TWAGIRAMUNGU Faustin wari Perezida waryo, kimwe na GASANA Anastazi wari Umunyamabanga w'iryo shyaka muri Kigali Ngari. Hagombaga rero kwiyongeraho gushimangira igihano cyo guhagarikwa cyahawe UBALIJORO Bonavantura wari Perezida wa MDR Kigali Ngari kubera ko nawe yemeye kujya muri guverinoma ya UWILINGIYIMANA Agatha.

**BATEJE IMPIRIMBANYI N'ABAKOZI BA KABUSUNZU AMABANDI.**

Kuva mu gitondo mu ma saa mbiri, imbere y'irembo ry'Ikigo Iwacu ku Kabusunzu hari udutsiko twinsoresore duhagaze, tumwe ntan'ibiranga MDR bari bambaye, ku buryo usibye gukenga, utari kumenya ko hari imigambi mibi yateguwe. Washoboraga kubibwirwa n'ibigambo bitameshe nk'ibyabasazi uwitwa Buzizi wo mu Gatsata yahuraguraga ngo utari umunyakigari ntahakandagire, cyimwe na wa mu Burugumesitiri Munyendamutsa wigeze gukangata akanga abantu ngo yibohoye muri MRND naho byahe byokajya.

Mu gihe bariho biga neza uko bari bwinjize abakongressiste rero, nibwo Gasana Anasitazi ari kumwe n'Ubalijoro bahasesekaye mu modoka ya Minisiteri, maze amabandi yabo ahita akubitamo ibiranga ishyaka umudiho uvanze n'ibitutsi no guhogera ngo ntabaparmehutu bashaka kandi ngo barunga biba uruhererekane, amaruru aravuga, ngo nibakingurire Minisitiri na Perezida wa MDR Kigali cyangwa Ikigo Iwacu bagitwike.

Abandi nabo barimo visi Perezida Rwajekare ari nawe wari wahawe na Perefe urushushya rwo gutumira iyo kongere bati bariya baciwe mu ishyaka si abakongeresiste, ntibinjira. Ubwo abariho bareba ukuntu baha abashinzwe umutekano Lisiti y'abagomba kwinjira rero nibwo baje gusa nga ba Rwajekare batari bwemerere

Inyenzi kubinjirira muri kongere, maze umututsi Gasamagera wari wageze imbere n'urubando rungana umusozi akaba yari yagumye kuvuza iya bahanda ngo n'ibiba ngombwa amaraso ameneke ariko Gasana n'Ubalijoro binjire, ngo imbwa z'abaparmehutu b'i Gitarama zo gaca ba nyina amabere ntizihakandagire ngo imbwa za ba Nyabutare n'ibindi bigambo biteye isoni ngo bazishahurire ba nyina, abwira yamabandi ngo nace inyuma asimbuke i Kigo, byose abisese. Abatukwaga cyane yari Mugenzi Yozefu wari muri service, Ngiruwonsanga Felisiyani, na Rwajekare natwe twari twagiye kwitarira amakuru, ariko ntitubashe gufotora, ngo turi abavantara nitutahava baratumena impanga.

**MUGENZI YOZEFU YARAKUBISWE.**

Ayo mabandi ya Gasana Anastazi, Minisitiri muzima wari wasebeye imbere y'umuryango rero yasimbutse Ikigo, asanze abakozi ba Kabusunzu yirara mu bari imbere maze bafata Mugenzi baranigagura, bakurubana hasi, bamuciraho imyenda, bamumenera amarineti bamutwara n'amafaranga ibihumbi bine.

Icyaje gushengura abantu ni ukuntu Gasamagera yari amuri hejuru n'ikibando yiyamatsa ngo nibakubite iyo mbwa y'igiparmehutu, amujomba inkoni mu mazuru. Abakongeressiste bari hanze kimwe n'abajandarume, abakozi ba Kabusunzu rero barahagurutse bahangana nayo mabandi babasha kuyasubiza hanze atarafata Rwajekare ngo amushwanyuze nkuko yavugaga. Impirimbanyi zababajwe no kubona Gasamagera Locomotive ananirwa kujya gukubita Setiba n'Interahamwe z'i Shyorongi zamumenesheje mu bye akajya kwica abo yita abaparmehutu.

Hari umwana w'umututsi wari muri abo bishi wiyamakije ngo "Ninyuma y'ishyamba twarabatsinze nkaswe muri Kigali". Usanga rero amagambo yabo arimo ivangura moko ku buryo ijambo parmehutu aribo baba barivuga ukagira ngo bahanzweho.

**GASANA ANASTAZI YARAHASEBEYE.**

Nyuma y'iyo ntambara yabereye ku Kigo imbere iyobowe n'umututsi Gasamagera, Karamira n'abandi bayobozi ba MDR bahamagaje agakipe k'aba JDR ariko bababuza kurwana ngo batamena amaraso, maze bwa bubandi burakonja. Gasana yashatse kuva mu modoka ngo avugire ijambo imbere y'umuryango maze abakongressiste bavugira rimwe bati "Twaraguciye ntidushaka kukumva, araseba asubira mu modoka. Hari Impirimbanyi yitegereje ibyo Gasamagera yigiraga anatuka ngo abo yita abaparmehutu kandi hambere ariwe wazengurutse u Rwanda avuga ko yakoranye n'abaparmehutu, akaba we, kuko ngo bari abantu beza batavangura amoko; ati: " Kubana n'incarwatsi biraruhije koko," ati buriya aduhindutse ate?"

**BUMIYE KU RUHU NK'INDONDOGOZI Y'IKIRONDWE.**

Rwajekare n'abayobozi ba Centre Iwacu bamaze kubwira abari bategereje ko Kongere ihagaritswe, Gasana, Ubalijoro n'amabandi yabo banze kubyemera, maze imodoka bayifungisha umuryango wa Centre ngo ngaho abarimo imbere bataribageze kuri 20 bashoboraga gukora kongere, cyangwa bakayikora nyuma. Impirimbanyi da!! Abakongeressiste n'aba JDR bo kubarinda se bamenye n'igihe bagendeye?

Twaje kumenya ko bagezaho barambiwe, Gasana bamaze kumubwira ko avana iyo modoka mu marembo imirimo ya centre igakomeza cyangwa akaba ashaka akamunani, maze bajya kuri Tapis rouge birebye basanga ari ntabo bahungira mu kabari kamwe i Nyamirambo ngo ngaha kongere barayisheshe, aho Gasamagera yagumye gutontoma nk'ingurube bakura rushi ngo azahangana n'abaparmehutu mpaka abatsembye burundu. Niyivugire mama! Ese ntitwumvise ko aho Twagiramungu aviriye mu Nkotanyi ejo bundi



*nodoka n° A 650T ya Minaffet nayo iri mu ziriwe zitunda amabandi yo gutsemba ngo "Abaparmehutu" da!!.*

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1319 - Kigali
RWANDA



*Buzizi wo mu Gatsata yabaga ari mu gutwi kwa Minisitiri Gasana buri mwanya, ngo biga uko baburizamo inama.*

idasanzwe ya MDR muri Perefegitura ya Kigali yo kuwa 15 Kanama 1993 risobanura ibyabaye byose banaha gasopo Habyarimana ushaka gusenya ishyaka MDR kuko ryerekanye bihagije ko riharanira amahoro nyakuri na DEMOKARASI ISESUYE.

**Radiyo Rwanda yabyitwayemo ite?**

Ubundi ku Kabusunzu umunyamakuru wa Radio Rwanda witwa Nubahumpatse yari yahageze. Koko yahavuye hemejwe ko kongere ihagaritswe ndetse ajya no kubivuga kuri Radio mu makuru ya saa sita na mirongo ine n'itanu. Ikitumvikanye rero n'uko bashatse uwo Nubahumpatse bakamuzana aho kongere yarimo ibera ku cyicaro cy'ishyaka MDR mu rwego rw'Igihugu, maze nawe ubwo akirebera.

Ubu se koko usibye kwiyononera umwuga Nubahumpatse yahakana ko atahaje, ndetse Impirimbanyi imwe ikamuha igipara iti: Noneho ugende uvuge ko ibyahoze ari isoko kare ku Kabusunzu byavuyemo inama nyayo kwa Karamira. Ntawamurenganya ariko ubanza aribyo bamutegetse, ubwo ejo bazongera batubwire ko bigaragambirije Kwigenga mu mwuga wabo, no guhembwa ngo nkayo muri za NAZA n'ahandi. Twamenye ko imyanzuro y'iriya kongere yashikirijwe Bwana Higiro Yohani Vianney, diregiteri wa Orinfuru mbere ya saa tatu n'igice za nimugoroba, akavuga ko azayiha abandi ba shefu de service n'abandi banyamakuru mu gitondo ku wa mbere tariki ya 16/8/1993 ngo barebe niba igomba guhitishwa kuri Radio. Mu gitondo, muri iyo nama yabo basanze nta gituma idatangazwa, cyane cyane ko Rwajekare yanerekanaga impapuro zose z'uko ari we wemerewe gukoresha kongere, zaba iz'ubutegetsi bwa perefegitura cyangwa i z'ishyaka MDR.

Nyakubahŵa Higiro rero yahise yerekana uko agatangiye, yandikaho ko bitagomba guhitishwa ngo "à ne pas diffuser". Ubwo ahari aho ejo azirirwa amena amatwi abantu ngo baramubeshyeye. Mwumvise kandi ko ibyo impirimbanyi za Gisenyi zavugiye mu Ngororero uwo munsi ku ya 15/8/93 nabyo byahise rimwe ubundi bikanyongwa. Byose nibyerekana ko impirimbanyi zagambaniwe. Ubu se koko ejo Higiro azahaguruka ajye kubeshya amahanga iki? Ngo arasaba ngo imfashanyo n'amafaranga yo guhohotera demukarasi?, aniga ijwi rya benshi bashyira mu kuri? Yarakwiye kwisubiraho.

**Muri kongere n'uduparu ntitwabuze.**

Impirimbanyi iti: abikanantura ngo baratwita abaparmehutu tubayebo twaba iki? Ati ko kera kose twariho byatwaye iki? Undi ati: ubone ngo Gasamagera atuzaneho ikiboko n'ukuntu twabize icyuya ngo bariya batutsi badapfira gushira? Abandi bati: niba Twagiramungu na Gasana batagira ba se baziyemeje kubwiza abantu ukuri ko ari abana b'indaya impaka zigashira; bati ubona ngo Gasana atugendemo hose avuga ko ari mwene Shyirakera abe ariko yiyamamaza nkuko Twagiramungu nta gihe atabwiye abantu ko ari mwene Muzungu ngo akaba ava inda imwe na Rwigamba? Nyamara ababizi bavuga ko uriya Twagiramungu avuka mu batutsi bitwa Ibishugi umwami yigeze gucira Itambi muri Zayire kubera ububwa bwabo baragambaniye inkiko umwanzi akinjira kandi aribo bagombaga kuzirinda. Iz'ibwami zamanukanye umujinya zigiye kubatsembatsemba kubera ububwa bwabo nuko ziza kubimenya zirahafata zijya hakurya iyo hitwa i Bunyabungo nyuma zikajya zigaruka no guhakwa hakuno. Iwabo w'uwo bita Gishungu rero wo mu Bishugi ngo nahitwa mu Nyenga, akaba ari naho Fawustini Birindwa wo muri Zayire avuka. Birindwa bavuga ko afitanye isano n'abami muri Zayire bitwa ba Ndagano bakomeje gucengera u

# Ubusabane bw'Abanyarwanda bushakwa buzaboneka ari uko Abatutsi bose b'Abanyarwanda baretse gukeza no kugendera mu kwaha kw'abatekamutwe n'abanyoni, bakemera Demokarasi ya kigabo nk'Abarundi.

Iki gihe iyo uvuze Umutwa mu izina ntawe ubyitaho. Wavuga Umuhutu bigasa no gutunga urutoki mu gihugu. Warevura ngo Umututsi ugasa n'ukojeje igiti mu kiguri. Ahubwo waba wizihiwe nka ba Mugesera ukaregwa icyaha kimwe kiruta icy'Adamu cyadukozeho: "Kuronda amoko". Bakagukomera ugatoroka utumva utabona".

Niyemeje gukanda ikibyimbye. Nigishaka kimeneke mpitanwe n'isuri ariko abazashobora kuyitaza bave mu gisa na "mythe" ubu yateye yo gusumbanya amoko mu mayeri urega bamwe ubugome kandi nta bimenyetso bigaragara ufite usibye kubatiza ibitekerezo gusa.

Twibukiranye: Bamwe mu banyamateka bavuga ko u Rwanda rwatuwe n'amoko atatu urusorongo. Habanza Abatwa, Abahutu n'Abatutsi. Baje kuvanga bitwa Abanyarwanda. Biba mahire. Ndahamya ko nyuma abategekaga bagiye bagira umururumba baca imivuno inyuranye ngo bategeke. Umuvuno waciwe henshi ku isi ukaba "Divide ut imperes".

Mu Banyarwanda, amacakubiri yaturutse kuri ayo maco yo gutegeka. Utsinzwe none akibaza icyo uwamutsinze yamurushaga. Babyitaga amaboko, bagahora muri urwo rwo gushakisha amaboko mubo bahuje ikintu. Kugeza ku ntambara yo ku Rucunshu, amakipi akomeye yatsinsuranaga yari Abanyiginya n'Abega yifashishaga abagaragu évidemment.

Nkuko bajya bashaka gushukana, inyuma y'iyo nyito y'Abega n'Abanyiginya (Nk'uko ubu twavuga Abakiga n'Abanyenduga ko bahanganye kandi ari ibice bibiri by'Abahutu) harimo ingabo z'Abahutu, Abatwa n'Abatutsi. Uwampakanya namwibutsa ko ari ingabo z'Abatwa zashoje urugamba ku Rucunshu, iz'Abahutu zatabaye Kabare zikarunesha. Biranditse. Byatangiriye aho kuyoboka abajura nka Kabare wahuguje ingoma Rutalindwa abatutsi babizi.

Ibi byose mbyibukirije iki ? Ni ukwibutsa ko kuva kera amoko Abahuut, Abatutsi n'Abatwa bakojejeho. Usibye ko uwo barwaniraga n'icyo barwaniraga gitandukanye n'icy'ubu. Ibyo byakwitwa "Centre d'intérêts". Muri 1959 niho ya "Centre d'intérêts" yahinduye isura cyane. Iby'Abanyiginya n'Abega bivaho, haza noneho ibyo kwibohoza by'Abahutu ku Batutsi. Icyateye intambara nemeza ko atari irari ry'ubutegetsi ahubwo ari ibura ry'ubutabera.

Gusa igihora kintangaza ni ukubona ukuntu Abatutsi bategekaga bari bajijutse ugereranije n'Abahutu bo muri 1959 bahisemo guca ikibazo impande bakishinga ababashukaga ngo nibakande ba Gitera, Kayibanda n'Impirimbanyi zabafashaga. Nyamara se umwami Rudahigwa, nemera ku giti cye, nubwo ndakunda ubwami, hari uko atakoze ngo abumvishe ko "Justice sociale" ari ngombwa ? Bamwituye iki ? Bamubujije epfo na ruguru, abazungu baramusonga. Abibonye ahitamo gupfa kigabo. Nguwo uwa mbere utuma nshinja abanyapolitiki b'Abatutsi ubushishozi bubi.

Hagiyeho ingoma ya Kayibanda. Kuba yari umukwe wabo byonyine byerekana ko bari kugira . aho bahurira bagasubira mu byabaye, Abanyarwanda bakiyunga. Ariko, bayobowe na Rukeba n'abandi biswe inyenzi (nako biyise gutyo) baramujujubije kugeza ubwo mu Rwanda haziye ingeso mbi zimwe Kristu yanga "Iryinyo ku rindi" (dent pour dent). Intambara iraba kugeza muri 1967 aho Abarundi bayirambiriwe. Urwo ni urugero rwa kabiri rw'Abateranya Abanyarwanda bishinze abanyamafuti nka Rukeba n'abamwoshyaga.

Muri 1973, umugabo yiviriye iwabo mu Bushiro mu bukwe yafenengeje butunda. Ageze i Kigali ati nsanze u Rwanda ruri hafi kwinjira mu rwobo. Bucya amaze kurikoroza we na ba Lizinde, Kanyarengwe ngo bazanye amahoro n'ubumwe mu Rwanda. Ba Kajeguhakwa babimenyereye barahakwa barasahura. Ariko ntibakamenye uwo bahakwaho uwo ariwe. Byamenywe na rubanda rw'i Kibirira, i Bugesera no mu Bagogwe. Ngibyo ibyo imfura zisemera rubanda rugufi iyo ziyobotse buka zitabanje no gupimiranya. Tubyibazeho: Rubanda izahora igwa muri ayo mafuti yo hejuru kugeza ryari ?

Ikintu kikiri ihurizo mu yandi ni iyi myifatire y'ubu y'Inkotanyi. Simbihakana tuva inda imwe kwa Kanyarwanda. Bose barahunze, abenshi barababara. Ejo bundi bati ibi ntabyo, reka dusabaganye dutahe. Bagufatiye ibifaranga bagura imbunda, bati akazatubuza gutaha si akacu ! Tuzagatumura nitugahusha nako gahunge. Ni iri ni iri. Ariko se aho iyo nama nibo bayigiriye cyangwa ni uwabashutse ? Yewe nabo guhitamo bibari kure. Baraje bajujubya abakiga n'abakene, ibintu bimaze kugera irudubi nibwo bemeye kujya Arusha mu mishyikirano. Ingogo, imbabare zigaramye muri Nyacyonga. Inzigo imaze kuzamura umuzizi wundi.

Nkaho batumyeho umwe muri abo wababaye nkabo, bati Pasteur Bizimungu jya kutuvuganira. Nyuma Kanyarengwe ajye kudusinyira dutahe. Ese nibaza basanga yarakoze ku mashumi ye yo mu gihugu ati muramenye za nyenzi zampfuye umusatsi zagarutse ? Ya mayeri ya bariya bantu ni mayeri gani ? Kuki bimenyereje kwishinga abanyamadosiye y'ubugome basize abazima nka Rudahigwa ?

Ibyo ntacyo. Yenda Kanyarengwe kubera nawe gusuzugurwa no kubabara yarigaruye. Yumva umuntu ko ari nk'undi, yumva ko Abatutsi n'Abahutu twabana. Ibyo byaba ari sawa rwose. Ariko se, mwari mwabona umuntu ubwira umushyitsi ngo karibu, amaze kumuteranya n'abasangwa ? Uwo mushyitsi se ubwo koko yakwisanga ?

Mu Rwanda dufite amashyaka bita mato n'amakuru. Ndahamya ko MDR mu makuru iri ku isonga. Uko benshi babivugaga ndetse babyifuza, byari ngombwa gushyira iryo shyaka mu mutuzo, impunzi zigatahukira muri Repubulika yuzuye Demukarasi. Ndiyumvira ngasanga atariko bizagenda kubera ikosa rikurikira rizabazwa abashinzwe Inkotanyi.

Ishyaka MDR ntacyo ritakoze ngo Arusha itungane. Nyuma baje kurigororera baritegekesha uwo abashishoza bose babonamo umunyoni. Ishyaka riravuga rigasa nirita inyuma ya Huye. FPR, MRNDD n'Abakombozi bakica amatwi. Ingaruka z'ibyo byose ni iyihe niba abo bantu biyemeje gupfukirana Demukarasi ? Iyo urebye inkubiri Abatutsi benshi bafite ngo bararwanya MDR na Parmehutu wibaza igihe inzika yo muri 1959 izabakamukiramo ukayoberwa. Hari abigobetse muri MDR ngo babone uko bayisenya. Ubona na Gasamagera ngo ateze imvururu muri Kongere ya Kigali ? Wibaza ibyo ba Twagiramungu barimo iyo basaba ngo twibagirwe abantu FPR irimaguye mu myaka itatu ishize kandi yo n'abayishyigikiye bataribagirwa inka zimaze imyaka mirongo itatu ziriwe kubera umujinya wa rubanda. Bari mu maco y'inda byo birabonekа, ariko bibuke ko burya atari buno.

Ntarambiranye, ndasanga Abanyarwanda twari dukwiye kureba ukuri (regarder la vérité en face). Kuvuga ko Umututsi akosa bigaragara, ntawe byaviriyemo kuronda amoko. Gusaba abantu kwiyunga bamwe bagihekenya amenyo, birutwa no guhoma urutete uvoma. Gutsindagira Abanyarwanda ibyo ubonye bishoborwa n'abakina Politiki ya kinyoni igiye kworeka u Rwanda muri iyi myaka ibiri iri imbere.

Abatutsi nkuko babonetsemo umugabo nka Rudahigwa, nibishakemo n'abandi

# Le MDR, un Parti Politique d'une maturité Démocratique remarquable.

S'il en fallait une preuve, le dernier congrès extraordinaire du MDR tenu à Kigali les 23 et 24 Juillet 1993 a demontré à tout observateur attentif que ce parti a des racines démocratiques profondes. Ceci peut se vérifier sur la base des 3 constatations suivantes:

1. Le Congrès National Extraordinaire, tout comme les réunions du Bureau Politique qui l'ont précédé les 17 et 20 Juillet 1993, ont réaffirmé le principe de la primauté des organes du parti sur les individus même quand ceux-ci sont titulaires des postes de direction de ces organes. Il s'agit d'un principe démocratique dont on peut mesurer la portée et l'importance en prenant l'exemple contraire de certains partis dont les dirigeants se sont pratiquement autoproclamés responsables du parti et font passer des décisions prises unilatéralement soit par le Président ou le Secrétaire Exécutif soit par le club d'amis qui sont à la tête du parti. Au MDR le parti n'est pas la chose d'un individu, c'est un parti des masses populaires adhérentes dont les organes ne sont que des représentants élus à différents échelons. Dans ces organes aussi, pas question de recourir à des relations de «copinage» pour gérer le parti.

Même au sein de l'organe de gestion qu'est le Comité Directeur qui comprend 4 membres, les statuts ont opté pour le principe de la gestion collegia ie. Le dernier Congrès National Extraordinaire a réaffirmé ce principe en rappelant que la «Présidence» du parti n'est pas un organe du parti et en soulignant que tout document, pour engager le parti, doit porter au moins deux signatures des membres du Comité Directeur.

Ce principe traduit l'esprit des origines du parti : du temps du MDR—PARMEHUTU, même le Président Grégoire KAYIBANDA n'aurait osé un seul instant se faire appeler ou se proclamer Président—Fondateur, tout comme le principe de collégialité était une régle d'or de la gestion du parti. Le MDR ne saurait s'écarter de ce principe qui d'ailleurs, rappelons-le est consacré par la loi No 28/91 du 18/06/1991 regissant les partis politiques à l'art. 4 selon lequel, «dans l'exercice des ses activités, tout parti politique doit respecter les principes démocratiques,..».

2. Le Congrès National Extraordinaire du MDR a aussi mis en exergue la primauté du parti pour ses membres titulaires de fonctions gouvernementales au nom du parti.

Comme ils occupent des postes qui reviennent au parti, il est tout à fait logique que les organes de décision du parti, en l'occurence le Bureau Politique ou le Congrès National, présente leur candidature ou leur demande de se retirer du poste tant que cela est dans l'intérêt du parti. Le Bureau Politique a pris une décision disant que pour tout poste politique ou administratif revenant au parti, les candidats seront désignés par le Bureau Politique.

Ce principe n'est pas l'expression d'un dirigisme quelconque : il s'agit plutôt de mettre à l'aise le titulaire qui se sent porté et soutenu par le parti, ce qui lui donne plus de poids et d'assurance dans l'exercice de ses fonctions.

En outre, le parti s'assure qu'il est tenu compte de la politique qu'il preconise dans les institutions gouvernementales auxquelles il participe. Par ailleurs ce principe est conforme à celui de la primauté des organes sur les individus, dans la mesure où, malgré les hautes fonctions qu'occupe tel ou tel autre membre du parti au sein du Gouvernement, aux yeux du parti cela ne lui donne aucun pouvoir de se hisser au dessus des organes du parti ou de tenter de leur donner des directives. Le parti comme tout autre citoyen, lui doit les honneurs attachées à ses fonctions gouvernementales mais ce titulaire n'a pas au sein du parti plus de pouvoir que ceux d'un autre membre d'un organe auquel ce titulaire fait parti. Ce principe constitue un frein à l'emergeance d'éminences grises ou de barons du pouvoir occulte au sein du parti et renforce ainsi la gestion democratique du parti.

3. En denoncant les relations à caractère plutôt personnel et secret de l'ex-Président du parti avec les dirigeants des partis dits des concertation, le Congrès National Extraordinaire s'est déclaré pour des contacts ouverts et francs avec les autres partis. Il s'agit de contacts sur des problèmes sérieux qui concernent les membres et la vie du parti et non pas principalement de rencontres entre copains qui veulent se maintenir à la tête de leur partis respectifs.

En outre — et ceci est très important — l'esprit d'ouverture ne doit pas se limiter à des partis dont la «concertation» a fourni un cadre pour fomenter la trahison contre le MDR. L'ouverture doit s'étendre sur tous les partis politiques, porter sur des points précis soumis à un organe du parti et être gérée au nom et pour le compte du parti.

Il sied ici de rappeler que le Bureau Politique avait déjà pris une décision dans ce sens. Le Comité Directeur et le Bureau politique vont certainement examiner en profondeur le problème des alliances du MDR avec les autres partis.

Mais il convient d'orès et déjà de souligner l'importance de l'ouverture du parti dans la gestion de ces alliances. Il convient également de faire comprendre aux autres partis politiques que le paysage politique actuel est malsein dans ce sens que dans certains partis les dirigeants de ces partis se partagent le gateau du pouvoir gouvernemental entre eux comme des clubs d'amis ou de personnes partageant des intérêts communs et ceci souvent en dehors des organes de leur parti. Les ententes occultes entre ces personnes peuvent constituer un frein au processus démocratique et retarder les élections devant mettre un terme à la transition.

Pour conclure, l'on s'en voudrait de ne pas exprimer l'espoir que la démocratie que nous appelons de tous nos voeux prendra racine dans la gestion et le comportement de tous nos partis politiques eux qui sont des instruments attitrés du processus démocratique.

Kigali, le 29/07/1993.

Dr. Mathieu NGIRIRA.

suite f7

bagabo bahure n'abagabo bazava mu Batwa n'Abahutu bakize kino gihugu. Apana gukomeza gucungira ku bicanyi no ku banyoni. Nabo ubwabo birababagaruka. Nitutabizibukira twese, tukemera Demukarasi ya kinyoni, ibihugu byose bizadusiga. Urugero rutari kure ni u Burundi.

Bazibonera

## INKUNGUZI Y'IGI.... YIKURURIRA IMB...

Ku cyumweru tariki ya 15 Kanama 1993, umugore w'umupfakazi witwa Odetta MUKASHARANGABO utuye mu Gakinjiro yiriwe anywa amayoga ari nako yanduranya aho ageze hose. Mu ma saa saba za nijoro rero yari atararyama, noneho aza kwanduranya n'umupangayi ucumbitse iwe. Nyamugore wawe inzoga zamwetetanye ajya kuregera abajandarume. Baraje n'umujinya mwinshi basanga Nyamupangayi yakinze yiryamiye kara maze bahindukirana Nyamugore bati comment udukinisha. Sibwo bamugejeje kuri AMGAR maze bakamwihemba bamwakuranwaho, bahetura bati itahire !! Ubu ngo ashobora kuba akiri mu buriri usibye ko ntawamenya niba ari ukugubwa neza cyangwa nabi kubera indyo atari aherutse kuko k'umugore w'umupfakazi wenda ibyo bintu yari abikeneye. Inkunguzi y'igit... yikururira imb......

## ATI NINDE UMFATA !

Mu bakozi ba ORINFOR ubu hari igipara cya grave. Mu ijoro ryo ku wa 23 Nyakanga umunsi Agatha yari yasezereye muri Kongere y'igihugu ya MDR, ngo yageze kuri Radio mu rukerera aborogareka za mushwari zajandamye. Icyasekeje abakozi ba Radio rero ni uko yahigizaga agira ati: Ninde umfata, maze bamuha Micro agahita avuga ko Impirimbanyi zari ku Kabusunzu zamufashe ku ngufu ! Uriya mugore ubanza ibyo bintu bitamugwa nabi.

*UMURANGI*



CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1319 - Kigali
RWANDA

Rwanda. Ibishugi rero ingeso bizwiho niyo yo kugambana kuva na kera ku buryo ngo kugira icyo abanyarwanda bizera kuri Twagiramungu ari nko kwizera shitani. Kongere ya Kigali rero yarabaye ifata imyanzuro iboneye yo guca ibirumbo. Ya mpirimbanyi iti: Nta kuntu Imana yavuga iti nirukanye amashitani iwanjye ngo amashitani avuge ngo ndanze ngumye mu ijuru. Amashitani nave muri MDR, ajye mu muriro kuko ntakundi byagenda.

O.NT.B.





*Ririya ni rya bendera riri hejuru y'umuturirwa wa Karamira. Gukora Konger[e] ntibigomba amafoteyi, Impirimbanyi zimenyereye imvune, icya ngombwa n[i] ugutsinda gusa.*



*Ubarijoro ati: "Twabwirwa n'iki ko abo bantu bari abakongressiste koko? Niba adashobora kureba kuri aya mafoto ngo abamenye, bo baramumenye, ni nayo mpamvu biyemeje kumusimbura kubera ububwa bwe.*

## PADIRI SIBOMANA MU MAZI ABIRA.

Duherutse kumenya inkuru iteye agahinda ku bantu bose bazi ukuntu Kinyamateka yitangiye ukuri muri iki gihugu. Umugabo TWAGIRAMUNGU Fawusitini yicaye ahantu ati: "Il faut casser SIBOMANA". Ngo bapfuye iki ? Mwabonye ko Kinyamateka yanze guhisha ukuri ku bibera muri MDR igatangaza ibya Kongere y'iryo shyaka yabereye ku Kabusunzu kuwa 23 na 24 Nyakanga 1993, ndetse ntitinye no gutangaza ikinyoma cya Agatha. TWAGIRAMUNGU rero yashatse gufata Kinyamateka nka ya Masibo ye yiririwa abeshya Rubanda, ibyo murumva ko bidashoboka. Yahisemo gukora icyo yita ngo "Casser SIBOMANA" kuko adashaka kubeshya rubanda. Agenda amusebya hose ngo ashyigikiye Abaparmehutu n'ibindi n'ibindi. Koko se HABYARIMANA azaziza SIBOMANA ukuri kwe ? Na TWAGIRAMUNGU akumuzize ? Reka rero ikinani cyari cyaramubuze urwaho kizamukire ku bitakaragasi bya TWAGIRAMUNGU kimwirenze.

Ibyo mu Rwanda ni amayobera. Ese nka buriya twamenya RWAMBUKA azize nde ??

N'amaraso ya GAPYISI ntibarayakira none ngo SIBOMANA. Undi ushyirwa mu majwi mubo bashaka kwirenza ni KARAMIRA. Ba Rugotomera nkaba ko bagenda biyongera tuzabigira dute ?? Baribeshya, ari HABYARIMANA n'interahamwe ze, ari TWAGIRAMUNGU n'Inyenzi ze, bose bazatsindwa bamware.

Umurangi

